Kigali, le 20/8/1998

N° 1243/21-00

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

URGENT!

Kuri Bwana, Madamu:
- Umunyamabanga Mukuru
- Umunyamabanga Wihariye wa Minisitiri
- √ Umukuru w'Imirimo (bose) Sport
- Umuyobozi w'Ishami ry'Abakozi n'Imari
- Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi
- Umuyobozi wa Archives Nationales
- Umuyobozi wa Bibliothèque Nationale
- Umuyobozi wa Commission du Génocide et des Massacres politique
- Umuyobozi w'Inzu Ndangamurage y'u Rwanda (MNR)

**IMPAMVU : UBUTUMIRE MU NAMA**

Bwana, Madamu :

Nejejwe no kubatumira mu nama izabera mu biro by'Inama bya MIJESCAFOP kuwambere taliki ya 24/08/98 kuva isaha eshatu za mu gitondo.

IBIZIGWAHO :

1. Kwemeza imyanzuro y'Inama idasanzwe yo kuwa 23/07/98 y'Abayobozi ba MIJESCAFOP. Inyandiko-mvugo yometse kuri iyi baruwa.
2. Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byo mu nama idasanzwe yo kuwa 23/07/98 ku byerekeranye n'ikoreshwa ry'igice gisigaye cy'Ingengo y'Imari isanzwe n'iyo gutsura amajyambere yo muri 98
3. Gutegura ingengo z'Imari zombi z'umwaka wa 99
4. Ibindi ...

Imirimo myiza.

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Ichiritse

Dr. Yakobo BIHOZAGARA

République Rwandaise — Ministère de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle

Tél. 8 35 12, 8 35 13, 8 35 40 Fax. 8 35 18

## RAPORO Y'INAMA IDASANZWE Y'UBUYOBOZI BWA MIJESCAFOP

## YABAYE TARIKI YA 23/07/98

Inama yatangiye saa tatu n'igice. Iyoborwa na Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, Dr Jacques BIHOZAGARA.

Yitabiriwe n'abayobozi bakurikira :

- Umunyamabanga mukuru
- Umunyamabanga wihariye wa Minisitiri
- Abayobozi ba départements cyangwa abababahagarariye
- Umuyobozi w'ishami rishinzwe imari n'abakozi
- Umuyobozi w'ishami rishinzwe igenamigambi na informatique

Nkuko byari biteganijwe, hasuzumwe ikibazo kimwe cyerekeranye n'ikoreshwa ry'igengo y'imari ivuguruye y'uyu mwaka w'i 1998.

### A. INGENGO Y'IMARI ISANZWE (B.O)

Minisitiri yatangije inama amenyesha ko iyi nama idasanzwe igomba kwiga ikoreshwa ry'igengo y'imari ivuguruye y'uyu mwaka w'i 1998, asaba Umunyamabanga Mukuru gusobanura uko ivugururwa ryagenze.

Umunyamabanga Mukuru yasobanuye ko uko MIJESCAFOP yari yasabye ivugururwa ry'ingengo y'imari yayigenewe byemewe na MINECOFI nta ngorane bahuye nazo usibye ikibazo cy'imishahara y'abakozi bagera kuri 128 bakora badahembwa kitakiriwe kuko batateganijwe ku ngengo y'imari y'uyu mwaka w'i 1998.

Ahereye kuri iyo liste, yasanze abayobozi ba départements, abayobozi b'amashami ndetse n'abayobozi b'ibigo by'urubyiruko baragiye baha akazi abo bishakiye n'igihe bashakiye, akibaza uwabahaye ubwo bubasha.

Kubera icyo kibazo, yifuje gutumira inama ihuje abayobozi ba départements zose ndetse n'abayobozi b'ibigo by'urubyiruko kuko abakozi benshi bakora badahembwa ari abakora mu bigo by'urubyiruko.

Kw'itariki ya 08/07/98, niho habaye inama yahuje abayobozi b'ibigo by'urubyiruko, uhagarariye umuyobozi wo kwigisha imyuga iciriritse n'uhagarariye umuyobozi w'imirimo rusange. Iyo nama yagombaga kumenya neza abakozi bakora muri ibyo bigo kugira ngo hamenyekane neza abakora badahembwa n'aboherejwe n'ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse batemeye gutangira akazi amahugurwa yabo arangiye.

Umunyamabanga Mukuru yakomeje asaba uhagarariye umuyobozi w'imirimo rusange washinzwe gukurikirana icyo kibazo aho kigeze kugira ngo gikemuke.

Uhagarariye Umuyobozi w'Imirimo Rusange yasobanuye ko abayobozi b'ibigo by'urubyiruko bitabiriye iyo nama ari cumi n'umwe gusa :

1. CFJ/NYAGASAMBU - KIBUNGO
2. CFJ/GITUZA - BYUMBA
3. CFJ/NYANZA - BUTARE
4. CFJ/NDAGO - GIKONGORO
5. CFJ/MPANDA - GITARAMA
6. CFJ/RWABUYE - BUTARE
7. CFJ/MAYANGE - KIGALI
8. CFJ/TYAZO - CYANGUGU
9. CFJ/GACURIRO - PVK
10. CFJ/KARENGERA - KIBUYE
11. CFJ/MUGUSA - BUTARE

Mu minsi yakurikiyeho, haje n'abandi batatu :

1. CFJ/MWOGO - GIKONGORO
2. CFJ/MUHARI - CYANGUGU
3. CFJ/GAKONI - MUTARA

Ibyagaragaye ni ibi bikurikira :

1. Ibigo by'urubyiruko bikoresha abakozi benshi badahembwa kuko batujuje ibyangombwa byose bisabwa umukozi wa Leta kugira ngo ahembwe :
   - Kontaro y'akazi yemewe na Minisitiri umukoresha
   - Icyemezo cy'uko ari umunyarwanda
   - Amafoto atatu magufi
   - Fotokopi 3 z'impamyabumenyi ziriho umukono wa Noteri

2. Ibigo by'urubyiruko bikoresha abakozi benshi badahembwa kandi batazwi n'ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse. Urugero : Abakozi bose ba CFJ/KARENGERA na CFJ/GAKONI, mu bindi bigo ni bamwe na bamwe.

3. Ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse bwohereza mu bigo abakozi barangije amahugurwa bo ntibigere bajyayo ahubwo bakajya kwikorera aho bashaka. Aba ni nabo benshi bahora bashora imanza basaba imishahara yabo kuko bazi ko bazayishyurwa kuva igihe amahugurwa yabo yatangiriye.

4. Abayobozi b'ibigo by'urubyiruko basabwe kugeza k'uhagarariye umuyobozi w'imirimo rusange amadosiye y'abakozi babo bose bakora badahembwa. Kugeza ubu hashize iminsi cumi n'itanu, nta kigo na kimwe kirashobora kuyuzuza. Urugero : Abakozi bose ba CFJ/GAKONI ntibazwi n'ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse. Umuyobozi w'icyo kigo yasabwe kuzana dosiye zabo zose, na nubu nta nimwe yashoboye kuzana.

Minisitiri amaze kumva ibyo bibazo by'abakozi biri mu bigo by'urubyiruko yasabye umuyobozi wo kwigisha imyuga iciriritse icyo abivugaho.

Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Iciriritse yasobanuye ko ibyo bibazo byaturutse ku mpamvu nyinshi :

1. Agishingwa ubwo buyobozi, yasanze abahuguwe na CEGEP batangira guhembwa igihe batangiriye amahugurwa.

2. Dosiye z'abahuguwe na CEGEP ntabwo zakurikiranywe bihagije k'uburyo barangije amahugurwa nta dosiye nimwe iratungana.

3. Abarangije amahugurwa boherejwe gukora mu bigo by'urubyiruko ariko bamwe basanze inyigisho bagombaga gutanga zitarahatangizwa, abandi basanga n'ibigo ubwabyo bitarafungurwa.

4. Abakozi bo mu bigo by'urubyiruko batazwi nuko abayobozi b'ibyo bigo babishyiriyeho ntibabimenyesha ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse.

Umunyamabanga Mukuru yunganiye umuyobozi wo kwigisha imyuga iciriritse asobanura ko abahuguwe na CEGEP bemerewe guhembwa kuva igihe batangiriye amahugurwa kugira ngo babashishikarize gukorera MIJESCAFOP nyuma y'amahugurwa yabo ariko ibibazo byatewe nuko

- amadosiye yabo atakozwe neza k'uburyo bagombaga gutangira amahugurwa dosiye zabo zitunganye bashobora guhembwa buri kwezi,
- barangije amahugurwa ibigo byinshi bitarafungurwa n'ibyafunguwe bitaratangira kwigisha inyigisho zose zari ziteganijwe,
- abayobozi b'ibigo by'urubyiruko badasobanukiwe n'ibibazo by'imicungire y'amadosiye y'abakozi.

Minisitiri yibukije ko abahuguwe bose bafitanye amasezerano ko bagomba gukorera MIJESCAFOP ariko ko Minisiteri itagomba guhemba uwo ariwe wese utakoze. Yibajije uwahaye abayobozi mu rwego urwo arirwo rwose ububasha bwo gutanga akazi n'impamvu ibibazo byarinze gukomera kugezaho. Yasanze muri rusange ari uko abayobozi bamwe biha kwikemurira ibibazo batabinyujije ku nzego zibishinzwe ariko ku by'umwihariko yasanze ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse budafite abakozi bashoboye akazi kandi bashishikarira umurimo. Yifuje ko yagirana inama n'abakozi bose b'ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse bakarebera hamwe imikorere yabo n'imikoranire hagati yabo n'izindi nzego za Minisiteri.

Umuyobozi w'Urubyiruko we yasanze iyo nama ikenewe na buri buyobozi muri Minisiteri, yifuza ko yasuzumirwamo imirimo buri buyobozi bushinzwe gukora, imbaraga n'ubushobozi bihari, ibyagezweho n'ibibazo bigomba gukemurwa.

Umunyamabanga Mukuru yunzemo ashimangira icyo gitekerezo ariko asaba ko icyihutirwa ari inama n'ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse kuko aribwo bufite ibibazo byihutirwa. Yatanze n'ingero zigaragaza ko imirimo igomba gukorwa izwi neza : nk'ingengo y'imari 1998 yemejwe ari uko iyo mirimo igaragajwe ariko ntiyakozwe; nk'ibikorwa mu rwego rw'igihugu cyangwa mpuzamahanga byakozwe ariko imirimo bwite ya Minisiteri ntiyitabweho. Iyi mirimo ititaweho niyo igomba guhagurukirwa kurushaho muri aya mezi asigaye.

Minisitiri yashoje impaka kuri iyo ngengo y'imari isanzwe (B.O) ashimira abateguye ivugururwa ryayo ko batanze neza ingingo nyazo kandi bakazitangira igihe.

Amenyesha ko Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi yemeye guhemba abakozi bose batarahembwa guhera igihe batangiriye akazi asaba ko ibyangombwa byose byakorwa bigatungana bagashobora guhembwa.
Asaba ubuyobozi bwo kwigisha imyuga iciriritse gutegura inama yazaba mu cyumweru gitaha, iyo nama ikaba igamije guha ubushobozi ubwo buyobozi mu gutunganya imirimo bushinzwe.
Atanga inyandiko zerekana amafaranga yongerewe Minisiteri zimwe kugira ngo zishobore gukemura ibibazo bimwe byavutse nyuma yiyemezwa ry'ingengo y'imari n'uko ingengo y'imari y'uyu mwaka w'i 1998 yakoreshejwe na Minisiteri zose kugeza kw'itariki ya 30/06/98 mbere yuko ivugururwa. MIJESCAFOP yakoresheje gusa 36,0%, yongererwa miliyoni magana arindwi (700.000 FRW) kugira ngo ishobore gukemura ibibazo by'abakozi ba Leta basezerewe ku kazi.

## B. <u>INGENGO Y'IMARI YO GUTSURA AMAJYAMBERE (B.D)</u>

Ku ngengo y'imari igenewe gutsura majyambere, MIJESCAFOP yari yahawe amafaranga miliyoni mirongo icyenda n'eshatu n'ibihumbi magana umunani (93.800 FRW). Kugeza ubu ntabwo arakoreshwa.

Minisitiri yasabye abarebwa n'imishinga igomba gukorwa ko batanga dosiye zizwe neza, amafaranga abuze MIJESCAFOP igasaba ko yava ahandi.

Umunyamabanga Mukuru yibukije imishinga yari iteganijwe gukorwa uyu mwaka, dosiye zikaba zaradindiye nko

- Gusana ibigo by'urubyiruko
- Gusana ikigo cyo mu Rukari
- Kubaka ibibuga by'imikino

Minisitiri yasabye ko izo dosiye zakurikiranwa vuba :
Ashinga umuyobozi wa siporo dosiye yo kubaka ibibuga by'imikino;
Ashinga umuyobozi wo kwigisha imyuga iciriritse dosiye yo gusana ibigo by'urubyiruko
Asaba ko amafaranga yari ateganijwe gusana ikigo cyo mu Rukari, yakoreshwa mu kugura ibikoresho by'umuzika mu rwego rwo gutegura FESPAD.

Uhagarariye Umuyobozi w'Umuco yamenyesheje ko umushinga wo gusana ikigo cyo mu Rukari udafite amafaranga ahagije, kuyakoraho byatuma umushinga udakorwa kandi imirimo yari igiye gutangira.

Minisitiri yamushubije ko hari igikorwa gikomeye kandi kihutirwa ku rwego mpuzamahanga muri Afurika. FESPAD ntabwo ishobora gusibizwa ariko umushinga wo gusana ikigo cyo mu Rukari nudakorwa uyu mwaka, mu mwaka utaha uzakorwa niba dosiye izaba yizwe neza.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Igenamigambi na Informatique yamenyesheje ingorane ahura nazo mu kwishyuza amafaranga yavanye kuri konti z'imishinga. Abagurijwe bose bamwizezaga ko bazishyura vuba ariko bamaze kurangiza ibibazo byabo ntabwo bibutse gukurikirana dosiye muri MINECOFI kugira ngo babone amafaranga yo kwishyura.

Umuyobozi w'Urubyiruko yamenyesheje ko noneho kugira ngo bizere ko bazajya bishyurwa bitaruhanije bazasaba buri wese ucyeneye kugurizwa inyandiko igaragaza neza ko MINECOFI izatanga ayo mafaranga.

Minisitiri yagaragaje ko ako ari akamenyero kabi kuri bamwe ko gukoresha ibitari ibyabo, bakaba bagaterwa no gukora iteka nta gahunda, dosiye zigatungana ku munota wa nyuma, bagasanga batashobora kubona amafaranga muri MINECOFI mu gihe gisigaye. Yasabye buri wese guteganya hakiri kare imirimo izakorwa kuva ubu kugeza mu mpera z'uyu mwaka n'ibyangombwa byose bikenewe. Ibi bizakemura ikibazo cyo kwiyambaza buri gihe amafaranga yagenewe imishinga.

Umunyamabanga Mukuru yamenyesheje ko hari amadosiye amwe atajya amunyuraho kandi ariwe ushinzwe guhuza inzego zose z'imirimo ya MIJESCAFOP, hakaba hari ubwo azibazwa kandi atazi uko zakozwe. Yibaza niba inzego zimwe z'imirimo hari icyo atazifashije cyangwa se niba azibangamira.

Minisitiri yibukije ko atari byiza guhishahisha amadosiye, ko dosiye zose zigomba kunyura ku bayobozi bose babishinzwe cyane cyane k'Umunyabanga Mukuru, kabone niyo haba hari izihutirwa, kuko ari nawe uba uzi dosiye zikwiye guhita mbere y'izindi.

Umunyamabanga Mukuru yamenyesheje ko Ishami rishinzwe Igenamigambi na Informatique ridakora neza asaba umuyobozi waryo ko yasobanura ingorane afite.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Igenamigambi na Informatique yasobanuye ko kuva yashingwa ubuyobozi bw'iryo shami nta dosiye nimwe yari yamugeraho kandi yasanze nta n'amabwiriza ngenga yahawe iryo shami. Yunzemo amenyesha ko we afite ubushake n'ubushobozi bwo kuyobora iryo shami, none ubu akaba ariho atunganya inyandiko izagaragaza ibiteganywa gukorwa n'iryo shami n'imikoranire yaryo n'inzego zose za Minisiteri.

Minisitiri yamugiriye inama yuko yaba yihatiye guteganya ibigomba gukorwa aya mezi asigaye muri uyu mwaka. Yasanze ahubwo indi ngorane y'umuyobozi w'ishami rishinzwe igenamigambi na informatique ari uko yashinzwe indi mirimo myinshi mu zindi nzego bituma adakurikirana buri gihe inshingano z'ishami ashinzwe kuyobora. Ibi bikaba biterwa nuko abakozi bamwe badakora noneho umukozi umwe agakora ibyo abandi bakagombye gukora.

Yasabye abayobozi b'inzego z'imirimo bose kugerageza guha akazi abakozi bashinzwe, buri wese akagenerwa inshingano ze mu nyandiko. Byatuma ikibazo cy'abakozi bazerera cyangwa bajarajara bava aha bajya ahandi bumvise umushinga wavutse kibonerwa umuti kuko buri wese azaba afite inshingano ze zidakuka, noneho kugira ngo ava aha ajye ahandi azagombe kuba afite inyandiko imumenyesha iyimurwa rye.

Minisitiri yashoje inama yibutsa buri wese guteganya hakiri kare imirimo izakorwa kuva ubu kugeza mu mpera z'uyu mwaka n'ibyangombwa byose bikenewe no gutegura inama nyungurana bitekerezo muri buri département, inama izaba igamije guha buri rwego rw'imirimo ubushobozi bwo gutunganya inshingano zarwo.

Inama yarangiye saa tanu.

Bikorewe i Kigali, kuwa 27/07/98.

<u>Umwanditsi w'Inama</u>

Uhagarariye Umuyobozi
w'Imirimo Rusange

HATEGEKIMANA Emmanuel

<u>Umuyobozi w'Inama</u>

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

Dr Jacques BIHOZAGARA